Imana yakijije Hezekiya

Amabwiriza: Korera uyu mwitozo ahantu hatuje. Mu gihe usoma imirongo ya Bibiliya, ujye umera nk'aho urimo ureba ibyabaye. Sa n'ureba uko ibintu byari byifashe. Gerageza kumva amajwi ajyaniranye n'ibyo bintu. Gerageza kwiyumva nk'uko abantu b'ingenzi bavugwa muri iyo nkuru biyumvaga. Sa n'ubona ko ibivugwa muri iyo nkuru birimo biba.
Abantu b'ingenzi bavugwamo: Hezekiya na Yesaya
Ibivugwamo muri make: Hezekiya yararwaye asenga Imana maze iramukiza.

1 SESENGURA UKO IBINTU BIRIMO BIGENDA.—SOMA MURI YESAYA 38:1-9.

Utekereza ko Hezekiya yasenze mu ijwi rimeze rite? (*Ongera usome umurongo wa 3.*)

Utekereza ko igihe Yesaya yatangazaga ubutumwa bwa Yehova buri muri Yesaya 38:5-8, yakoresheje ijwi rimeze rite?

Igihe Yesaya yabwiraga Hezekiya ko yari kuzakira kandi agakomeza kubaho, urumva yarabyakiriye ate?

2 KORA UBUSHAKASHATSI.

Uretse uburwayi, ni iki kindi gishobora kuba cyari gihangayikishije Hezekiya? (Igisubizo: Soma muri Yesaya 36:1; 38:6.)

N iki gishobora kuba cyaratumye Yehova yumva isengesho rya Hezekiya? (Soma mu 2 Ibyo ku Ngoma 31:20, 21; Yesaya 38:3.)

Ni iki gishobora kuba cyaragoye Yesaya, igihe yagarukaga gutangariza Hezekiya ubutumwa butandukanye n'ubuhanuzi yari yaravuze mbere yaho?

Ni iki kigaragaza ko kuba igicucu cyarasubiye inyuma atari inzozi, ahubwo ari igitangaza? (Soma mu 2 Ibyo ku Ngoma 32:24, 31).

www.jw.org © 2013 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

3 UMWITOZO.

Andika ibyo wize ku bihereranye . . .

No kuba Yehova aba yiteguye kumva amasengesho tumutura.

_____

_____

No kwihesha izina ryiza ku Mana.

_____

_____

4 IBAZE UTI

Ni mu yihe mimerere nagombye kwitabaza Yehova mu isengesho?

_____

_____

Nakora iki ngo nonosore amasengesho yanjye kandi abe avuye ku mutima?

_____

_____

Ni irihe somo ry'ingenzi mvanye muri iyi nkuru kandi kuki?

_____

_____

Undi mwitozo: Sa n'uwigira umunyamakuru utangaze iyi nkuru. Vuga uko byose byagenze, use n'ushyiramo ibiganiro wagiranye n'abantu b'ingenzi bavugwamo n'abari bahari igihe byabaga.

JW.ORG™

Jya kuri www.jw.org/rw uvaneho iyi PDF

www.jw.org © 2013 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania